REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE
IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI
BW'IKIRERE


B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

**AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 9, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI, IGICE CYA GATATU WERURWE (21-31) 2020**

**Cyasohotse ku itariki ya 2 Mata, 2020**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya gatatu, Werurwe 2020 kuva tariki ya 21 kugeza tariki ya 31, ahenshi mu gihugu habonetse imvura iri mu rugero ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe cy'imyaka myinshi. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Nyamagabe mu Karere ka Nyamagabe hapimwe milimetero 99.3. Ahapimwe imvura nke ni ku bupimiro bwa Rubavu mu Karere ka Rubavu ingana na milimetero 29; Intara y'Amajyepfo, Amajyaruguru, n'Uburengerazuba bw'amajyepfo niho habonetse imvura nyinshi kurusha izindi ntara.
Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe ntibyahindutse cyane ugereranyije n'iminsi ishize; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyus 30.1(°C ) mu Bugarama na 21.6°C i Gicumbi naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya dogere Selisiyusi 19.0 ku bupimiro bwa Bugarama na 11.0°C ku bupimiro bwa Busogo.





**Ishusho 1**: Imvura yaguye ugereranyije n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Werurwe2020.

### 1.1. Ingano y'imvura yaguye


Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya gatatu cya Werurwe 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi igice cya gatatu cyari hagati ya milimetero 99.3 na milimetero 29. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Nyamagabe mu karere ka Nyamagabe mu ntara y'Amajyepfo (99.3mm). Ahaguye imvura nke ni ku bupimiro bwa Rubavu mu karere ka Rubavu hapimwe milimetero 29




*Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura muri mm*

### 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Werurwe


Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Werurwe. Ubusanzwe iki igice cya Werurwe kigusha imvura iri hagati ya milimetero 66.7 na 32; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yaguye yari murugero uretse mu Uburengerazuba bw'Amajyepfo no mu Majyaruguru y'uburasirazuba haguye imvura nyinshi naho mu Karere ka Kirehe, Ngoma, Ruhango na Nyagatare haguye imvura nke cyane muri iki gice cya Werurwe 2020 ugereranyije nisanzwe ihagwa..




*Ikatita ya 2:Imvura isanzwe igwa mu gice cya gatatu cy'ukwezi kwa Werurwe*


### 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya gatatu mu kwezi kwa Werurwe 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni umunsi ugira byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'iminsi ine n'iminsi umunani(4-8) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye yari hagati y'iminsi 5 n'iminsi 6. Iminsi mike yabaye 4 ku bupimiro bwa Gitega, iminsi myinshi yabaye 7 na 8 ku bupimiro bwa Rusizi, Busogo na Rubengera




***Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo***

## 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




***Ikarita ya 4: Ubuhehere bw'ubutaka***

Ikarita ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya gatatu cya Werurwe 2020 bwagabanutse ho gake. Cyane bitewe n'ibihe by'imvura n'izuba byaranze iyi minsi.


Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buziyongera mu gice cya mbere cya Mata bitewe n'uko imvura iziyongera ugereranyije niyaguye mu gice cya gatatu cya Werurwe.

## 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

## 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ikarita ya 5 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo gisanzwe; mu Majyaruguru y'Uburasirazuba, mu mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Uburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 21.6 na 26.6 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe dogere selisiyusi 27.0 no ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane kuko hapimwe dogere selisiyusi 30.1.




***Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru***

## 2.1. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 11.0 (Busogo ) na Dogere Selisiyusi 19.0 (Bugarama). Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ibindi bice by'igihugu.





*Ikarita ya 6: Ubushyuhe bwo hasi*

## 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya Mbere cya Mata (tariki 01-10) 2020

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Ugereranyije igice cya gatatu cya Werurwe n'igice cya mbere cya Mata, hateganyijwe ko imvura iziyongera mu gice cya mbere cya Mata 2020. Imvura iteganyijwe izaba iri hagati ya milimetero 50 na 160; Uburengerazuba bw'Amajyepfo niho hateganyijwe imvura nyinshi kurusha ahandi izaba iri hagati ya milimetero 120 na 160. Mu Karere ka Nyagatare ndetse n'Uburasirazuba w'Akarere ka Gatsibo niho hateganyijwe imvura nke iri hagati ya milimetero 40 na 80, naho ahandi hasigaye hose imvura izaba iri hagati ya milimetero 80 na 120.




***Ikarita ya 7: Iteganyagihe ry'imvura mugice cya mbere cya Mata***

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza kwiyongera kw'imvura mu gice cya mbere cya Mata 2020 (tariki 01-10), abahinzi barashishikarizwa gukurikirana imbuto zamaze kumera. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.